



REPUBULIKA Y'U RWANDA



IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

UKWEZI KW'UKWAKIRA 2020

10 Ugushyingo 2020

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

IGIIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KW'UKWAKIRA 2020

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejewe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kw'Ukwakira 2020. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 7,2% mu kwezi gushize kw'Ukwakira 2020 ugereranyije n'Ukwakira 2019. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu kwezi kwa cyenda (Nzeri 2020) ryari ku kigereranyo kingana na 8,9%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 7,2% mu kwezi kw'Ukwakira ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 9,7%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 20,6%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 5,8% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 11,9%.

Iyo ugereranyije Ukwakira 2020 na Ukwakira 2019, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 5,2%.

Wagereranya ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2020) n'ukwezi kwa cyenda (Nzeri 2020), ibiciro byagabanutseho 0,9%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byagabanutseho 8,2%.

B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kw'Ukwakira 2020, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 10,9% ugereranyije n'Ukwakira 2019. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa cyenda (Nzeri 2020) ryari ku kigereranyo kingana na 12,2%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 10,9% mu kwezi kw'Ukwakira ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 15,6%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 15,2% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 3,2%.

Ugereranyije ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2020) n'ukwezi kwa cyenda (Nzeri 2020) ibiciro byazamutseho 0,6%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 1,8% n'ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 1,9%. Ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byagabanutseho 11,4%

C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kw'Ukwakira 2020 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 9,3% ugereranyije n'Ukwakira 2019. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cyenda (Nzeri 2020) ryari ku kigereranyo kingana na 10,8%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 9,3% mu kwezi kw'Ukwakira 2020 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 13,8%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 17% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 11,2%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2020) n'ukwezi kwa cyenda (Nzeri 2020) ibiciro ntibyahindutse.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ukwakira 2019 kugeza m'Ukwakira 2020.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Nzeri 2019 kugeza muri Nzeri 2020													
<i>ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije</i>													
	2019			2020									
	10	11	12	01	02	03	04	05	06	07	08	09	10
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi	4,4	6,9	6,7	7,3	8,7	8,5	8,0	9,2	9,0	9,2	8,8	8,9	7,2
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro	9,2	15,5	15,8	14,6	17,1	16,5	11,7	10,5	11,2	13,2	12,4	12,2	10,9
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda	7,2	11,8	11,9	11,5	13,5	13,1	10,1	9,9	10,3	11,5	10,9	10,8	9,3
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi	0,6	1,9	-0,3	0,6	1,6	1,0	-0,2	2,0	-0,2	0,2	0,5	1,0	-0,9
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro	1,9	5,2	-1,1	-1,1	1,8	2,5	-3,0	-0,3	0,6	1,6	1,7	2,0	0,6
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda	1,4	3,8	-0,8	-0,4	1,7	1,9	-1,8	0,7	0,2	1,0	1,2	1,6	0,0

Isoko: Ikigo cy' Igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda

Ku bindi bisobanuro:

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103 Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw